

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

Amategeko/Laws/Lois

N° 04/2011/OL ryo kuwa 03/10/2011

Itegeko Ngenga rigena imiterere, imikorere n’ububasha by’Ubushinjacyaha Bukuru n’Ubushinjacyaha bwa Gisirikare.....3

N° 04/2011/OL of 03/10/2011

Organic Law determining the organisation, functioning and competence of the National Public Prosecution Authority and the Military Prosecution Department.....3

N° 04/2011/OL du 03/10/2011

Loi Organique portant organisation, fonctionnement et compétence de l’Organe National de Poursuite Judiciaire et de l’Auditorat Militaire.....3

N° 41/2011 ryo kuwa 30/09/2011

Itegeko rishyiraho Ikigo cy’Igihugu gishinzwe Imiyoborere rikanagena inshingano, imiterere n’imikorere byacyo.....54

N° 41/2011 of 30/09/2011

Law establishing the Rwanda Governance Board and determining its mission, organization and functioning.....54

N° 41/2011 du 30/09/2011

Loi portant création de l’Office Rwandais de la Gouvernance et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement.....54

ITEGEKO NGENGA N° 04/2011/OL RYO
KUWA 03/10/2011 RIGENA IMITERERE,
IMIKORERE N'UBUBASHA
BY'UBUSHINJACYAHA BUKURU
N'UBUSHINJACYAHA BWA GISIRIKARE

ORGANIC LAW N° 04/2011/OL OF 03/10/2011
DETERMINING THE ORGANISATION,
FUNCTIONING AND COMPETENCE OF THE
NATIONAL PUBLIC PROSECUTION
AUTHORITY AND THE MILITARY
PROSECUTION DEPARTMENT

LOI ORGANIQUE N° 04/2011/OL DU
03/10/2011 PORTANT ORGANISATION,
FONCTIONNEMENT ET COMPETENCE DE
L'ORGANE NATIONAL DE POURSUITE
JUDICIAIRE ET DE L'AUDITORAT
MILITAIRE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

INTERURO YA MBERE: IMITERERE,
IMIKORERE N'UBUBASHA

TITLE ONE: ORGANISATION,
FUNCTIONING AND COMPETENCE

TITRE PREMIER: ORGANISATION,
FONCTIONNEMENT ET COMPETENCE

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko ngenga rigamije

Article One: Purpose of this Organic Law

Article premier: Objet de la présente loi
organique

Ingingo ya 2: Inshingano

Article 2: Mission

Article 2: Mission

Ingingo ya 3: Inzego zigize Ubushinjacyaha

Article 3: Organs of the Public Prosecution

Article 3: Organes de l'Organe National de
Poursuite

UMUTWE WA II: IMITERERE
Y'UBUSHINJACYAHA

CHAPTER II: ORGANISATION OF THE
PUBLIC PROSECUTION

CHAPITRE II: ORGANISATION DE
L'ORGANE DE POURSUITE

Icyiciro cya mbere: Imiterere y'Ubushinjacyaha
Bukuru

Section One: Organisation of the National Public
Prosecution Authority

Section première: Organisation de l'Organe
National de Poursuite Judiciaire

Ingingo ya 4: Imiterere y'Ubushinjacyaha
Bukuru

Article 4: Organisation of the National Public
Prosecution Authority

Article 4: Organisation de l'Organe National de
Poursuite Judiciaire

Ingingo ya 5: Ubwigenge

Article 5: Autonomy

Article 5: Autonomie

Ingingo ya 6: icyicaro cy'Ubushinjacyaha

Article 6: Head Office of National Public

Article 6: Siège de l'Organe National de

Bukuru	Prosecution Authority	Poursuite Judiciaire
<u>Ingingo ya 7:</u> Ubuyobozi bw'Ubushinjacyaha Bukuru	<u>Article 7:</u> Administration of the National Public Prosecution Authority	<u>Article 7:</u> Direction de l'Organe National de Poursuite Judiciaire
<u>Icyiciro cya 2:</u> Imiterere y'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare	<u>Section 2:</u> Organisation of the Military Prosecution Department	<u>Section 2:</u> Organisation de l'Auditorat Militaire
<u>Ingingo ya 8:</u> Ubushinjacyaha bwa Gisirikare	<u>Article 8:</u> Military Prosecution Department	<u>Article 8:</u> Auditorat Militaire
<u>Ingingo ya 9:</u> Ubuyobozi bw'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare	<u>Article 9:</u> Administration of the Military Prosecution Department	<u>Article 9:</u> Direction de l'Auditorat Militaire
<u>Icyiciro cya 3:</u> Abashinjacyaha	<u>Section 3:</u> Prosecutors	<u>Section 3:</u> Officiers de Poursuite Judiciaire
<u>Ingingo ya 10:</u> Ibyiciro by'Abashinjacyaha	<u>Article 10:</u> Categories of Prosecutors	<u>Article 10:</u> Catégories des Officiers de Poursuite Judiciaire
<u>Ingingo ya 11:</u> Abashinjacyaha b'umwuga	<u>Article 11:</u> Career Prosecutors	<u>Article 11:</u> Officiers de Poursuite Judiciaire de carrière
<u>Ingingo ya 12:</u> Abashinjacyaha ba Gisirikare	<u>Article 12:</u> Military Prosecutors	<u>Article 12:</u> Auditeurs Militaires
<u>Ingingo ya 13:</u> Abashinjacyaha bagengwa n'amasezerano y'umurimo	<u>Article 13:</u> Prosecutors governed by a contract of employment	<u>Article 13:</u> Officiers de Poursuite Judiciaire régis par un contrat de travail
<u>UMUTWE WA III:</u> IMIKORERE Y'UBUSHINJACYAHA	<u>CHAPTER III:</u> FUNCTIONING OF THE NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY	<u>CHAPITRE III:</u> FONCTIONNEMENT DE L'ORGANE NATIONAL DE POURSUITE
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Inzego zishinzwe ikurikiranabyaha mu nkiko	<u>Section One:</u> Prosecution Organs in Courts	<u>Section première:</u> Organes de poursuite devant les juridictions
<u>Akiciro ka mbere:</u> Ikurikiranabyaha mu Nkiko zisanzwe	<u>Sub section One:</u> Prosecution in ordinary Courts	<u>Sous-section première:</u> Poursuite devant les Juridictions ordinaires

<u>Ingingo ya 14:</u> Inzego zishinzwe ikurikiranabyaha mu nkiko zisanzwe	<u>Article 14:</u> Prosecution organs in ordinary Courts	<u>Article 14:</u> Organes de poursuite devant les Juridictions ordinaires
<u>Ingingo ya 15:</u> Abagize Ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru	<u>Article 15:</u> Composition of the Office of the Prosecutor General	<u>Article 15:</u> Composition du Bureau du Procureur Général
<u>Ingingo ya 16:</u> Ubushinjacyaha bwo ku rwego Rwisumbuye	<u>Article 16:</u> The National Public Prosecution Authority at Intermediate level	<u>Article 16:</u> Organe National de Poursuite Judiciaire au niveau de Grande Instance
<u>Ingingo ya 17:</u> Ubushinjacyaha bwo ku rwego rw'Ibanze	<u>Article 17:</u> The National Public Prosecution Authority at Primary level	<u>Article 17:</u> Organe National de Poursuite Judiciaire au niveau de Base
<u>Akiciro ka 2:</u> Ikurikiranabyaha mu Nkiko za Gisirikare	<u>Subsection 2:</u> Prosecution in Military Courts	<u>Sous-section 2:</u> Poursuite devant les Juridictions Militaires
<u>Ingingo ya 18:</u> Inzego zishinzwe ikurikiranabyaha mu Nkiko za Gisirikare	<u>Article 18:</u> Prosecution Organs in Military Courts	<u>Article 18:</u> Organes de poursuite devant les Juridictions Militaires
<u>Ingingo ya 19:</u> Ishyirwaho n'irahira ry'Abashinjacyaha ba Gisirikare	<u>Article 19:</u> Appointment and oath of Military Prosecutors	<u>Article 19:</u> Nomination et prestation de serment des Auditeurs Militaires
<u>Ingingo ya 20:</u> Ugenzura Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare	<u>Article 20:</u> Supervisor of the Military Prosecutor General	<u>Article 20:</u> Superviseur de l'Auditeur Général Militaire
<u>Ingingo ya 21:</u> Abagenzacyaha ba Gisirikare	<u>Article 21:</u> Military Judicial Officers	<u>Article 21:</u> Officiers de Police Judiciaire militaire
<u>Icyiciro cya 2:</u> Inzego z'ubuyobozi n'izifasha mu mirimo y'Ubushinjacyaha Bukuru	<u>Section 2:</u> Administrative and support Organs in the National Public Prosecution Authority	<u>Section 2:</u> Organes administratifs et d'appui au sein de l'Organe National de Poursuite Judiciaire
<u>Akiciro ka mbere:</u> Urwego rw'Ubugenzuzi	<u>Sub section One:</u> Inspectorate Department	<u>Sous-section première:</u> Service d'Inspection
<u>Ingingo ya 22:</u> Abagize urwego rw'Ubugenzuzi n'uko bashyirwaho	<u>Article 22:</u> Members of Inspectorate Department and their appointment	<u>Article 22:</u> Agents du service d'Inspection et leur nomination
<u>Ingingo ya 23:</u> Inshingano z'Urwego	<u>Article 23:</u> Responsibilities of the Inspectorate	<u>Article 23:</u> Responsabilités du Service

rw'Ubugenzuzi	Department	d'Inspection
<u>Akicro ka 2:</u> Ubunyamabanga Bukuru bw'Ubushinjacyaha Bukuru	<u>Sub section 2:</u> General Secretariat of the National Public Prosecution Authority	<u>Sous-section 2:</u> Secrétariat Général de l'Organe National de Poursuite Judiciaire
<u>Ingingo ya 24:</u> Ubuyobozi, inzego zibugize n'uko zishyirwaho	<u>Article 24:</u> Management, management organs and appointment	<u>Article 24:</u> Direction, organes de direction et nomination
<u>Ingingo ya 25:</u> Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru	<u>Article 25:</u> Responsibilities of the Secretary General	<u>Article 25:</u> Attributions du Secrétaire Général
<u>UMUTWE WA IV: UBUBASHA BW'INZEGO Z'IKURIKIRANABYAHA</u>	<u>CHAPTER IV: COMPETENCE OF PUBLIC PROSECUTION ORGANS</u>	<u>CHAPITRE IV: COMPETENCE DES ORGANES DE POURSUITE</u>
<u>Ingingo ya 26:</u> Ububasha	<u>Article 26:</u> Competence	<u>Article 26:</u> Compétence
<u>Ingingo ya 27:</u> Ikurikiranacyaha mu Nkiko	<u>Article 27:</u> Prosecution in the Courts	<u>Article 27:</u> Poursuite devant les Cours et Tribunaux
<u>Ingingo ya 28:</u> Inshingano z'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare	<u>Article 28:</u> Responsibilities of the Military Prosecutor General	<u>Article 28:</u> Attributions de l'Auditeur Général Militaire
<u>Ingingo ya 29:</u> Inshingano z'Umushinjacyaha Mukuru	<u>Article 29:</u> Responsibilities of the Prosecutor General	<u>Article 29:</u> Attributions du Procureur Général
<u>Ingingo ya 30:</u> Gutanga ububasha	<u>Article 30:</u> Delegation of powers	<u>Article 30:</u> Délégation de pouvoirs
<u>Ingingo ya 31:</u> Ihagararirwa ry'Umushinjacyaha Mukuru	<u>Article 31:</u> Representation of the Prosecutor General	<u>Article 31:</u> Représentation du Procureur Général
<u>Ingingo ya 32:</u> Inshingano z'Umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha bwo ku rwego Rwisumbuye	<u>Article 32:</u> Responsibilities of the Chief Intermediate Prosecutor	<u>Article 32:</u> Attributions du Procureur en Chef au niveau de Grande Instance
<u>Ingingo ya 33:</u> Ihame ryo gukurikirana iyo bibaye ngombwa	<u>Article 33:</u> Principle of discretion of prosecution	<u>Article 33:</u> Principe de l'opportunité des poursuites

<u>Ingingo ya 34:</u> Ububasha bw'ikurikirana cyangwa ijurira	<u>Article 34:</u> Powers of prosecution or appeal	<u>Article 34:</u> Pouvoir de poursuite ou d'appel
<u>INTERURO YA II:</u> IMIKORANIRE Y'UBUSHINJACYAHA N'IZINDI NZEGO ZA LETA	<u>TITLE II:</u> RELATIONS BETWEEN THE PUBLIC PROSECUTION AND OTHER STATE ORGANS	<u>TITRE II:</u> RAPPORT ENTRE L'ORGANE NATIONAL DE POURSUITE ET LES AUTRES ORGANES DE L'ETAT
<u>UMUTWE WA MBERE:</u> IMIKORANIRE Y'UBUSHINJACYAHA BUKURU NA MINISITERI IFITE UBUTABERA MU NSHINGANO ZAYO	<u>CHAPTER ONE:</u> RAPPORT BETWEEN THE NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY AND THE MINISTRY OF JUSTICE	<u>CHAPITRE PREMIER:</u> RAPPORT ENTRE L'ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE ET LE MINISTERE AYANT LA JUSTICE DANS SES ATTRIBUTIONS
<u>Ingingo ya 35:</u> Amabwiriza	<u>Article 35:</u> Instructions	<u>Article 35:</u> Injonctions
<u>Ingingo ya 36:</u> Politiki y'ikurikiranacyaha	<u>Article 36:</u> Policy governing public prosecution	<u>Article 36:</u> Politique de poursuite judiciaire
<u>Ingingo ya 37:</u> Raporo y'ibikorwa	<u>Article 37:</u> Performance report	<u>Article 37:</u> Rapport d'activités
<u>UMUTWE WA II:</u> IMIKORANIRE Y'UBUSHINJACYAHA BUKURU N'UBUGENZACYAHA	<u>CHAPTER II:</u> RELATIONS BETWEEN THE NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY AND JUDICIAL POLICE	<u>CHAPITRE II:</u> RAPPORT ENTRE L'ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE ET LA POLICE JUDICIAIRE
<u>Ingingo ya 38:</u> Igenzurwa ry'Ubugenzacyaha	<u>Article 38:</u> Supervision of criminal Investigation department	<u>Article 38:</u> Supervision de la Police Judiciaire
<u>Ingingo ya 39:</u> Imenyekanisha ry'icyaha cyakozwe	<u>Article 39:</u> Notification of the offence committed	<u>Article 39:</u> Information de la commission d'une infraction
<u>Ingingo ya 40:</u> Igenzura ry'ahafungirwa abantu	<u>Article 40:</u> Control of detention places	<u>Article 40:</u> Contrôle des lieux de détention
<u>UMUTWE WA III :</u> IMIKORANIRE Y'UBUSHINJACYAHA BUKURU N'INKIKO	<u>CHAPTER III :</u> RELATIONS BETWEEN THE NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY AND COURTS	<u>CHAPITRE III:</u> RAPPORT ENTRE L'ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE ET LES JURIDICTIONS
<u>Ingingo ya 41:</u> Imanza Ubushinjacyaha bujyamo	<u>Article 41:</u> Matters in which Public Prosecution appear as a party	<u>Article 41:</u> Affaires dans lesquelles l'Organe National de Poursuite intervient

Ingingo ya 42: Ubwigenge ku baburanyi no ku bacamanza

Article 42: Independence from judges and parties

Article 42: Indépendance envers les parties et les juges

INTERURO YA III: INGINGO ZISOZA

TITLE III: FINAL PROVISIONS

TITRE III: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 43: Itegurwa, isuzumwa n’itorwa ry’iri tegeko ngenga

Article 43: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law

Article 43: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique

Ingingo ya 44: Ivanwaho ry’itegeko n’ingingo zinyuranyije n’iri tegeko ngenga

Article 44: Repealing provision

Article 44: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 45: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa

Article 45: Commencement

Article 45: Entrée en vigueur

ITEGEKO NGENGA N° 04/2011/OL RYO KUWA 03/10/2011 RIGENA IMITERERE, IMIKORERE N'UBUBASHA BY'UBUSHINJACYAHA BUKURU N'UBUSHINJACYAHA BWA GISIRIKARE

ORGANIC LAW N° 04/2011/OL OF 03/10/2011 DETERMINING THE ORGANISATION, FUNCTIONING AND COMPETENCE OF THE NATIONAL PUBLIC PROSECUTION AUTHORITY AND THE MILITARY PROSECUTION DEPARTMENT

LOI ORGANIQUE N° 04/2011/OL DU 03/10/2011 PORTANT ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET COMPETENCE DE L'ORGANE NATIONAL DE POURSUITE JUDICIAIRE ET DE L'AUDITORAT MILITAIRE

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 05 Ukwakira 2010;

The Chamber of Deputies, in its session of 05 October 2010;

La Chambre des Députés, en sa séance du 05 octobre 2010;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo kuwa 02 Nyakanga 2010;

The Senate, in its session of 02 July 2010;

Le Sénat, en sa séance du 02 juillet 2010;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 113, iya 118, iya 160, iya 161, iya 162, iya 163, iya 164, iya 165, iya 166 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 118, 160, 161, 162, 163, 164, 165, 166 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 113, 118, 160, 161, 162, 163, 164, 165, 166 et 201;

Official Gazette n° 46 of 14/11/2011

Isubiye ku Itegeko Ngenga n° 03/2004 ryo kuwa 20/3/2004 rigena imiterere, ububasha n'imikorere by'ubushinjacyaha nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

Having reviewed Organic Law n° 03/2004 of 20/3/2004 determining the organisation, powers and functioning of the Prosecution Service as modified and complemented to date;

Revu la Loi Organique n° 03/2004 du 20/03/2004 portant organisation, compétence et fonctionnement du Ministère Public telle que modifiée et complétée à ce jour;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOPTE:

INTERURO YA MBERE: IMITERERE, IMIKORERE N'UBUBASHA

TITLE ONE: ORGANISATION, FUNCTIONING AND COMPETENCE

TITRE PREMIER: ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET COMPETENCE

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko ngenga rigamije

Article One: Purpose of this Organic Law

Article premier: Objet de la présente loi organique

Iri tegeko ngenga rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Ubushinjacyaha Bukuru n'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare.

This Organic Law determines the organisation, functioning and competence of the National Public Prosecution Authority and the Military Prosecution Department.

La présente loi organique détermine l'organisation, le fonctionnement et la compétence de l'Organe National de Poursuite Judiciaire et de l'Auditorat Militaire.

Ingingo ya 2: Inshingano

Article 2: Mission

Article 2: Mission

Ubushinjacyaha bushinzwe gukurikirana umuntu wese ukekwa kuba yakoze ibikorwa bigize icyaha.

The Public Prosecution shall be responsible for the prosecution of any person suspected of having committed acts constituting an offence.

L'Organe National de Poursuite est chargé d'exercer les poursuites contre toute personne soupçonnée d'avoir commis des actes constitutifs d'infraction.

Ingingo ya 3: Inzego zigize Ubushinjacyaha

Article 3: Organs of the Public Prosecution

Article 3: Organes de l'Organe National de Poursuite

Ubushinjacyaha bugizwe n'Ubushinjacyaha Bukuru n'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare.

The Public Prosecution shall consist of the National Public Prosecution Authority and the Military Prosecution Department.

L'Organe National de Poursuite est composé de l'Organe National de Poursuite Judiciaire et de l'Auditorat Militaire.

UMUTWE WA II: IMITERERE Y'UBUSHINJACYAHA

Icyiciro cya mbere: Imiterere y'Ubushinjacyaha Bukuru

Ingingo ya 4: Imiterere y'Ubushinjacyaha Bukuru

Ubushinjacyaha Bukuru bugizwe na Biro y'Umushinjacyaha Mukuru, Ubushinjacyaha bwo ku rwego Rwisumbuye n'Ubushinjacyaha bwo ku rwego rw'Ibanze.

Ubushinjacyaha Bukuru mu mirimo yabwo ya buri muni bwunganirwa n'Ubunyamabanga Bukuru.

Ingingo ya 5: Ubwigenge

Ubushinjacyaha Bukuru bufite ubwigenge mu micungire y'abakozi n'imari byabwo.

Ingingo ya 6: Icyicaró cy'Ubushinjacyaha Bukuru

Ubushinjacyaha Bukuru bufite icyicaró mu Mujyi wa Kigali n'amashami mu gihugu hose nk'uko bigaragara ku mugereka wa I n'uwa II y'iri tegeko ngenga.

Icyicaró cy'Ubushinjacyaha bwo ku rwego Rwisumbuye kigenwa n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha imaze kugisha inama Minisitiri

CHAPTER II: ORGANISATION OF THE PUBLIC PROSECUTION

Section One: Organisation of the National Public Prosecution Authority

Article 4: Organisation of the National Public Prosecution Authority

The National Public Prosecution Authority shall comprise the Prosecutor General's Office, Public Prosecution at Intermediate level and Public Prosecution at Primary level.

The National Public Prosecution Authority, in its daily activities, shall be assisted by a General Secretariat.

Article 5: Autonomy

The National Public Prosecution Authority shall enjoy administrative and financial autonomy.

Article 6: Head Office of the National Public Prosecution Authority

The National Public Prosecution Authority shall have the Head Office in Kigali City and branches across the Country as indicated in annexes I and II of this Organic Law.

The head office of the National Public Prosecution Authority at Intermediate level shall be determined by the High Council of the Public Prosecution after

CHAPITRE II : ORGANISATION DE L'ORGANE NATIONAL DE POURSUITE

Section première: Organisation de l'Organe National de Poursuite Judiciaire

Article 4: Organisation de l'Organe National de Poursuite Judiciaire

L'Organe National de Poursuite Judiciaire comprend le Bureau du Procureur Général et un service de poursuite judiciaire au niveau de Grande Instance et au niveau de Base.

Dans ses activités quotidiennes, l'Organe National de Poursuite Judiciaire est appuyé par un Secrétariat Général.

Article 5: Autonomie

L'Organe National de Poursuite Judiciaire jouit de l'autonomie de gestion administrative et financière.

Article 6: Siège de l'Organe National de Poursuite Judiciaire

Le siège de l'Organe National de Poursuite Judiciaire est établi dans la Ville de Kigali et a des services sur tout le territoire national tel que mentionné aux annexes I et II de la présente loi organique.

Le siège de l'Organe National de Poursuite Judiciaire au niveau de Grande Instance est déterminé par le Conseil Supérieur de l'Organe

ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze, na we amaze kumva icyo Inama Njyanama z'Uturere bireba zibivugaho.

Icyicaro cy'Ubushinjacyaha bwo ku rwego rw'Ibanze kigenwa n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha imaze kumva icyo Inama Njyanama z'Imirenge bireba zibivugaho.

Ingingo ya 7: Ubuyobozi bw'Ubushinjacyaha Bukuru

Ubushinjacyaha Bukuru ni urwego rumwe rwibumbiye hamwe kandi rurimo ibyiciro bigiye bisumbana. Ruyoborwa n'Umushinjacyaha Mukuru rukagengwa mu mirimo yarwo na Minisitiri ufite Ubutabera mu nshingano ze.

Icyiciro cya 2: Imiterere y'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare

Ingingo ya 8: Ubushinjacyaha bwa Gisirikare

Ubushinjacyaha bwa Gisirikare bugizwe n'aba bakurikira:

- 1° Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare;
- 2° Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare Wungirije;
- 3° Abashinjacyaha ba Gisirikare;
- 4° Abagenzacyaha ba Gisirikare.

consultation with the Minister in charge of local government, after the latter has considered views of the relevant District Councils.

The head office of the National Public Prosecution Authority at the Primary level shall be determined by the High Council of the Public Prosecution after consultation with the relevant Sector Councils.

Article 7: Administration of the National Public Prosecution Authority

The National Public Prosecution Authority shall be a single and hierarchal organ. It is headed by the Prosecutor General under the authority of the Minister in charge of Justice.

Section 2: Organisation of the Military Prosecution Department

Article 8: Military Prosecution Department

The Military Prosecution Department shall be composed of the following persons:

- 1° the Military Prosecutor General;
- 2° the Deputy Military Prosecutor General;
- 3° the Military Prosecutors;
- 4° the Military Judicial Officers.

National de Poursuite après avis du Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions qui lui-même consulte les Conseils des Districts concernés.

Le siège de l'Organe National de Poursuite Judiciaire au niveau de Base est déterminé par le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite après avis des Conseils des Secteurs concernés.

Article 7: Direction de l'Organe National de Poursuite Judiciaire

L'Organe National de Poursuite Judiciaire est un organe unique, indivisible et hiérarchisé. Il est dirigé par le Procureur Général, sous l'autorité du Ministre ayant la justice dans ses attributions.

Section 2: Organisation de l'Auditorat Militaire

Article 8: Auditorat Militaire

L'Auditorat Militaire est composé des personnes suivantes:

- 1° l'Auditeur Général Militaire;
- 2° l'Auditeur Général Militaire Adjoint;
- 3° les Auditeurs Militaires ;
- 4° les Officiers de Police Judiciaire Militaire.

Ingingo ya 9: Ubuyobozi bw'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare

Ubushinjacyaha bwa Gisirikare ni urwego rumwe rwibumbiye hamwe kandi rurimo abashinjacyaha bagiye basumbana. Ruyoborwa n'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare yunganiwe n'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare Wungirije, rukagengwa mu mirimo yarwo na Minisitiri ufite Ingabo z'u Rwanda mu nshingano ze.

Icyiciro cya 3: Abashinjacyaha

Ingingo ya 10: Ibyiciro by'Abashinjacyaha

Abashinjacyaha barimo ibyiciro bitatu (3) bikurikira:

- 1° Abashinjacyaha b'umwuga;
- 2° Abashinjacyaha ba Gisirikare;
- 3° Abashinjacyaha bagengwa n'amasezerano y'umurimo.

Ingingo ya 11: Abashinjacyaha b'umwuga

Abashinjacyaha b'umwuga ni aba bakurikira:

- 1° Umushinjacyaha Mukuru;
- 2° Umushinjacyaha Mukuru Wungirije;

Article 9: Administration of the Military Prosecution Department

The Military Prosecution Department shall be single and hierarchal organ. It shall be headed by the Military Prosecutor General assisted by the Deputy Military Prosecutor General under the authority of the Minister for Rwanda Defence Forces.

Section 3: Prosecutors

Article 10: Categories of Prosecutors

Prosecutors are in three (3) following categories:

- 1° Career Prosecutors;
- 2° Military Prosecutors;
- 3° Prosecutors governed by a contract of employment.

Article 11: Career Prosecutors

Career Prosecutors shall be the following:

- 1° the Prosecutor General;
- 2° the Deputy Prosecutor General;

Article 9: Direction de l'Auditorat Militaire

L'Auditorat Militaire est un organe unique, indivisible et hierarchisé. Il est dirigé par l'Auditeur Général Militaire assisté par l'Auditeur Général Militaire Adjoint sous l'autorité du Ministre ayant les Forces Rwandaises de Défense dans ses attributions.

Section 3: Officiers de Poursuite Judiciaire

Article 10: Catégories des Officiers de Poursuite Judiciaire

Les Officiers de Poursuite Judiciaires sont regroupés dans trois (3) catégories suivantes:

- 1° les Officiers de Poursuite Judiciaire de carrière;
- 2° les Auditeurs militaires;
- 3° les Officiers de Poursuite Judiciaire régis par un contrat de travail.

Article 11: Officiers de Poursuite Judiciaire de carrière

Les Officiers de Poursuite Judiciaire de carrière sont les suivants:

- 1° le Procureur Général;
- 2° le Procureur Général Adjoint;

Official Gazette n° 46 of 14/11/2011

- | | | |
|---|--|--|
| 3° Abashinjacyaha bo ku rwego rw'Igihugu; | 3° the National Prosecutors; | 3° les Procureurs Nationaux; |
| 4° Abashinjacyaha bayobora Ubushinjacyaha bwo ku rwego Rwisumbuye ; | 4° the Chief Intermediate Prosecutors; | 4° les Procureurs en Chef au niveau de Grande Instance; |
| 5° Abashinjacyaha bo ku rwego Rwisumbuye; | 5° Prosecutors at Intermediate level; | 5° les Officiers de Poursuite Judiciaire au niveau de Grande Instance; |
| 6° Abashinjacyaha bo ku rwego rw'Ibanze. | 6° Prosecutors at Primary level. | 6° les Officiers de Poursuite Judiciaire au niveau de Base. |

Ingingo ya 12: Abashinjacyaha ba Gisirikare

Abashinjacyaha ba Gisirikare ni aba bakurikira:

- 1° Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare;
- 2° Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare Wungirije;
- 3° Abashinjacyaha ba Gisirikare.

Ingingo ya 13: Abashinjacyaha bagengwa n'amasezerano y'umurimo

Abashinjacyaha bagengwa n'amasezerano y'umurimo ni abashinjacyaha bakora ku buryo budahoraho mu Bushinjacyaha Bukuru, kugira ngo bunganire urwo rwego mu gihe kigenwa n'amasezerano abagenga. Ayo masezerano bayagirana n'Umushinjacyaha Mukuru bimaze kwemezwa n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha.

Article 12: Military Prosecutors

Military Prosecutors shall be the following:

- 1° the Military Prosecutor General;
- 2° the Deputy Military Prosecutor General;
- 3° Military Prosecutors.

Article 13: Prosecutors governed by a contract of employment

The Prosecutors governed by a contract of employment shall be Prosecutors who work on a temporary basis in the National Public Prosecution Authority to assist it during a period determined by the contract governing them. Such a contract shall be concluded between them and the Prosecutor General after approval by the High Council of the Public Prosecution.

Article 12: Auditeurs Militaires

Les Auditeurs Militaires sont les suivants:

- 1° l'Auditeur Général Militaire;
- 2° l'Auditeur Général Militaire Adjoint;
- 3° les Auditeurs Militaires.

Article 13: Officiers de Poursuite Judiciaire régis par un contrat de travail

Les Officiers de Poursuite Judiciaire régis par un contrat de travail sont ceux qui travaillent à titre temporaire au sein de l'Organe National de Poursuite Judiciaire en vue d'appuyer cet Organe pour une durée déterminée dans leur contrat. Ils signent ce contrat avec le Procureur Général après approbation du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite.

**UMUTWE WA III:
Y'UBUSHINJACYAHA**

IMIKORERE

**CHAPTER III: FUNCTIONING OF THE
PUBLIC PROSECUTION**

**CHAPITRE III: FONCTIONNEMENT DE
L'ORGANE NATIONAL DE POURSUITE**

Icyiciro cya mbere: Inzego zishinzwe ikurikiranabyaha mu nkiko

Section One: Prosecution Organs in Courts

Section première: Organes de poursuite devant les juridictions

Akiciro ka mbere: Ikurikiranabyaha mu Nkiko zisanzwe

Sub section One: Prosecution in ordinary Courts

Sous-section première: Poursuite devant les juridictions ordinaires

Ingingo ya 14: Inzego zishinzwe ikurikiranabyaha mu nkiko zisanzwe

Article 14: Prosecution organs in ordinary Courts

Article 14: Organes de poursuite devant les juridictions ordinaires

Mu nkiko zisanzwe, ikurikiranabyaha rikorwa n'Abashinjacyaha bagize Ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru kimwe n'Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye n'Ubushinjacyaha ku rwego rw'Ibanze.

In ordinary Courts, prosecution of offences shall be conducted by the Prosecutors of the Prosecutor General's Office as well as the Public Prosecution at Intermediate level and Public Prosecution at Primary level.

Devant les juridictions ordinaires, l'action publique est exercée par les Procureurs du Bureau du Procureur Général ainsi que l'Organe National de Poursuite Judiciaire au niveau de Grande Instance et au niveau de Base.

Ingingo ya 15: Abagize Ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru

Article 15: Composition of the Office of the Prosecutor General

Article 15: Composition du Bureau du Procureur Général

Ibiro by'Umushinjacyaha Mukuru bigizwe n'Umushinjacyaha Mukuru, Umushinjacyaha Mukuru Wungirije n' Abashinjacyaha nibura icumi (10) bo ku rwego rw'Igihugu.

The Office of the Prosecutor General shall comprise the Prosecutor General, the Deputy Prosecutor General and at least ten (10) National Prosecutors.

Le Bureau du Procureur Général comprend le Procureur Général, le Procureur Général Adjoint et au moins dix (10) Procureurs Nationaux.

Ingingo ya 16: Ubushinjacyaha bwo ku rwego Rwisumbuye

Article 16: The National Public Prosecution Authority at the Intermediate level

Article 16: Organe National de Poursuite Judiciaire au niveau de Grande Instance

Ubushinjacyaha bwo ku rwego Rwisumbuye bugizwe n'Umushinjacyaha uyobora Ubushinjacyaha bwo ku rwego Rwisumbuye n'Abashinjacyaha bo kuri urwo rwego nibura batanu (5) n'abandi bakozi ba ngombwa bakenewe kugira ngo imirimo y'ubushinjacyaha igende neza.

The National Public Prosecution Authority at Intermediate level shall comprise of the Chief Intermediate Prosecutor and at least five Prosecutors (5) and other staff necessary for the smooth running of the activities of the Prosecution service.

L'Organe National de Poursuite Judiciaire au niveau de Grande Instance est composé d'un Procureur en Chef et d'au moins cinq (5) Officiers de Poursuite Judiciaire et d'autant d'autres agents nécessaires au bon fonctionnement du service.

Ingingo ya 17: Ubushinjacyaha bwo ku rwego rw'Ibanze

Ubushinjacyaha bwo ku Rwego rw'Ibanze bugizwe n'Umushinjacyaha nibura umwe (1).

Akiciro ka 2: Ikurikiranabyaha mu Nkiko za Gisirikare

Ingingo ya 18: Inzego zishinzwe ikurikiranabyaha mu Nkiko za Gisirikare

Mu Rukiko rwa Gisirikare no mu Rukiko Rukuru rwa Gisirikare, ikurikiranabyaha rikorwa n'urwego rw'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare bugizwe n'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare, Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare Wungirije n'Abashinjacyaha ba Gisirikare.

Ikurikiranabyaha ry'abasirikare n'ibitso byabo riyoborwa n'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare. Yunganirwa mu mirimo ye n'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare Wungirije n'abandi Bashinjacyaha ba Gisirikare.

Ingingo ya 19: Ishyirwaho n'irahira ry'Abashinjacyaha ba Gisirikare

Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare, Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare Wungirije n'Abashinjacyaha ba Gisirikare batoranywa mu ngabo z'u Rwanda, bagashyirwaho igihe kitagenwe n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe bisabwe na Minisitiri ufite ingabo z'u Rwanda mu nshingano ze.

Article 17: The National Public Prosecution Authority at Primary level

The National Public Prosecution Authority at Primary level shall comprise of at least one (1) Prosecutor.

Subsection 2: Prosecution in Military Courts

Article 18: Prosecution Organs in Military Courts

In the Military Court and the Military High Court, the public prosecution shall be exercised by the Military Prosecution Department composed of the Military Prosecutor General, the Deputy Military Prosecutor General and Military Prosecutors.

Prosecution of soldiers and their accomplices shall be supervised by the Military Prosecutor General. He/she shall be assisted by the Deputy Military Prosecutor General and other military prosecutors.

Article 19: Appointment and oath of Military Prosecutors

The Military Prosecutor General, the Deputy Military Prosecutor General and Military Prosecutors shall be chosen from among members of Rwanda Defence Forces and appointed for indefinite period by an Order of the Prime Minister upon proposal by the Minister in charge of Rwanda

Article 17: Organe National de Poursuite Judiciaire au niveau de Base

L'Organe National de Poursuite Judiciaire au niveau de Base est composé d'au moins un (1) Officier de Poursuite Judiciaire.

Sous-section 2: Poursuite devant les Juridictions Militaires

Article 18: Organes de poursuite devant les Juridictions Militaires

Devant le Tribunal Militaire et devant la Haute Cour Militaire, la poursuite judiciaire est assurée par l'Auditorat Militaire composé de l'Auditeur Général Militaire, de l'Auditeur Général Militaire Adjoint et des Auditeurs Militaires.

La poursuite judiciaire contre les militaires et leurs complices est menée sous l'autorité de l'Auditeur Général Militaire. Dans ses fonctions, il est assisté de l'Auditeur Général Militaire Adjoint et d'autres Auditeurs Militaires.

Article 19: Nomination et prestation de serment des Auditeurs Militaires

L'Auditeur Général Militaire, l'Auditeur Général Militaire Adjoint et les Auditeurs Militaires sont choisis parmi les membres des Forces Rwandaises de Défense et nommés pour une durée indéterminée par arrêté du Premier Ministre sur proposition du Ministre ayant les Forces Rwandaises de Défense

Defence Forces.

dans ses attributions.

Mbere yo gutangira imirimo y'ubushinjacyaha, Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare, Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare Wungirije n'Abashinjacyaha ba Gisirikare barahirira imbere ya Minisitiri w'Intebe.

Before assuming prosecution activities, the Military Prosecutor General, the Deputy Military Prosecutor General and Military Prosecutors shall take the oath of office before the Prime Minister.

Avant d'entrer en fonction, l'Auditeur Général Militaire et l'Auditeur Général Militaire Adjoint ainsi que les Auditeurs Militaires prêtent serment devant le Premier Ministre.

Ingingo ya 20: Ugenzura Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare

Article 20: Supervisor of the Military Prosecutor General

Article 20: Supérieur de l'Auditeur Général Militaire

Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare agenzurwa mu mirimo ye na Minisitiri ufite Ingabo z'u Rwanda mu nshingano ze.

The Military Prosecutor General shall be supervised by the Minister in charge of Rwanda Defense Forces.

L'Auditeur Général Militaire est sous la supervision du Ministre ayant les Forces Rwandaises de Défense dans ses attributions.

Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare amenyesha buri gihembwe n'igihe bibaye ngombwa Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze ibyerekeranye n'imigendekere rusange y'imirimo y'Ubushinjacyaha bwa Gisirikare.

The Military Prosecutor General shall inform every three months and at any time it is considered necessary, the Minister in charge of Justice about issues relating to general performance of the Military Prosecution Department.

L'Auditeur Général Militaire informe trimestriellement et chaque fois que de besoin le Ministre ayant la justice dans ses attributions de l'état général d'avancement des activités de l'Auditorat militaire.

Ingingo ya 21: Abagenzacyaha ba Gisirikare

Article 21: Military Judicial Officers

Article 21: Officiers de Police Judiciaire militaire

Ubushinjacyaha bwa Gisirikare bugizwe kandi n'urwego rw'Abagenzacyaha ba Gisirikare bashinzwe kugenza ibyaha biburanishwa mu Nkiko za Gisirikare, gushaka ababikoze no kugaragaza ibimenyetso.

The Military Prosecution Department shall also include military judicial officers whose duty is to investigate offences in jurisdiction of the military courts, to apprehend offenders and gather evidence.

L'Auditorat Militaire comprend également le Corps d'Officiers de police judiciaire militaire, compétents pour constater les infractions relevant des juridictions militaires, en rechercher les auteurs et en rassembler les preuves.

Abagenzacyaha ba Gisirikare batoranywa mu bagize Ingabo z'u Rwanda bagashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri ufite Ingabo z'u Rwanda mu nshingano ze amaze kugisha inama Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare.

Military judicial officers shall be chosen from Rwanda Defense Forces and appointed by an Order of the Minister in charge of Rwanda Defence Forces after consultation with the Military Prosecutor General.

Les Officiers de police judiciaire militaires sont choisis parmi les membres des Forces Rwandaises de Défense et nommés par arrêté du Ministre ayant les Forces Rwandaises de Défense dans ses attributions après consultation de l'Auditeur Général Militaire.

Icyiciro cya 2: Inzego z’ubuyobozi n’izifasha mu mirimo y’Ubushinjacyaha Bukuru

Akiciro ka mbere: Urwego rw’Ubugenzuzi

Ingingo ya 22: Abagize urwego rw’Ubugenzuzi n’uko bashyirwaho

Mu Bushinjacyaha Bukuru hashyizweho urwego rw’Ubugenzuzi rugizwe n’Umugenzuzi Mukuru yunganiwe n’Abagenzuzi.

Urwego rw’Ubugenzuzi bw’Ubushinjacyaha Bukuru rugizwe n’Abagenzuzi bafite sitati nk’iy’Abashinjacyaha. Bakorera ku cyicaro cy’Ubushinjacyaha Bukuru. Batoranywa mu Bashinjacyaha bo ku rwego rw’Igihugu, bagashyirwaho kandi bakavanwaho n’Inama Nkuru y’Ubushinjacyaha.

Ingingo ya 23: Inshingano z’Urwego rw’Ubugenzuzi

Urwego rw’Ubugenzuzi bw’Ubushinjacyaha Bukuru rushinzwe gukurikiranira hafi no kugenzura imikorere y’Ubushinjacyaha Bukuru.

Urwego rw’Ubugenzuzi bw’Ubushinjacyaha Bukuru rushinzwe kandi:

Section 2: Administrative and support Organs in the National Public Prosecution Authority

Sub section One: Inspectorate Department

Article 22: Members of Inspectorate Department and their appointment

There is hereby established at the National Public Prosecution Authority an inspectorate Department composed of an Inspector General assisted by Inspectors.

The inspectorate Department of the National Public Prosecution Authority shall be composed of Inspectors who have the same statute as Prosecutors. They are based at the head office of the National Public Prosecution Authority. They are chosen among National Prosecutors and appointed and removed from office by the High Council of the Public Prosecution.

Article 23: Responsibilities of the Inspectorate Department

The Inspectorate Department of the National Public Prosecution Authority shall be responsible for supervision and control of the functioning of the National Public Prosecution Authority.

The Inspectorate Department of the National Public Prosecution Authority shall also be responsible for:

Section 2: Organes administratifs et d’appui au sein de l’Organe National de Poursuite Judiciaire

Sous-section première: Service d’Inspection

Article 22: Agents du service d’Inspection et leur nomination

Il est créé au sein de l’Organe National de Poursuite Judiciaire un service d’Inspection composé d’un Inspecteur Général assisté d’Inspecteurs.

Le Service d’Inspection de l’Organe National de Poursuite Judiciaire est composé d’Inspecteurs qui ont le statut d’Officiers de Poursuite. Ils exercent leurs fonctions au siège de l’Organe National de Poursuite Judiciaire. Ils sont choisis parmi les Procureurs Nationaux et sont affectés et relevés de leurs fonctions par le Conseil Supérieur de l’Organe National de Poursuite.

Article 23: Responsabilités du Service d’Inspection

Le Service d’Inspection de l’Organe National de Poursuite Judiciaire est chargé d’assurer le suivi et le contrôle du fonctionnement de l’Organe National de Poursuite Judiciaire.

Le service d’Inspection de l’Organe National de Poursuite Judiciaire est aussi chargé de:

Official Gazette n° 46 of 14/11/2011

- | | | |
|---|---|---|
| 1° gukora iperereza ku birego byerekeye imikorere y'Abashinjacyaha cyangwa y'abandi bakozi b'Ubushinjacyaha Bukuru; | 1° investigating complaints relating to performance of the prosecutors or other staff of the National Public Prosecution Authority; | 1° enquêter sur les plaintes déposées contre les Officiers de Poursuite Judiciaire ou le personnel de l'Organe National de Poursuite Judiciaire ; |
| 2° kugenzura imikoreshereze y'umutungo n'imari by'inzezo z'Ubushinjacyaha Bukuru; | 2° controlling the use of the property and funds of the organs of the National Public Prosecution Authority; | 2° contrôler la gestion des biens, des finances et des fonds des services de l'Organe National de Poursuite Judiciaire; |
| 3° gushyikiriza Umushinjacyaha Mukuru raporo ku bibazo bwakozeho iperereza cyangwa igenzura, na we akazishyikiriza Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha; | 3° submitting to the Prosecutor General a report on matters investigated or inspected for submission to the High Council of the Public Prosecution ; | 3° transmettre au Procureur Général le rapport sur les enquêtes et contrôles menés, qui doit le transmettre, à son tour, au Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite; |
| 4° kugira inama Umushinjacyaha Mukurucyangwa Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha ku bibazo bijyanye n'imiyoborere n'imikorere by'inzezo z'Ubushinjacyaha Bukuru; | 4° advising the Prosecutor General or the High Council of the Public Prosecution on matters concerning administration and functioning of the organs of the National Public Prosecution Authority; | 4° conseiller le Procureur Général ou le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite sur toute question liée à la direction et au fonctionnement des services de l'Organe National de Poursuite Judiciaire; |
| 5° gutegura umushinga w'amabwiriza agenewe Abashinjacyaha; | 5° preparing proposals of regulations concerning Prosecutors; | 5° préparer le projet d'instructions destinées aux Officiers de Poursuite Judiciaire; |
| 6° gukora indi mirimo ijyanye n'inshingano zabwo bwashingwa n'Umushinjacyaha Mukuru cyangwa n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha. | 6° performing other duties related to its mission as may be assigned by the Prosecutor General or the High Council of the Public Prosecution. | 6° remplir toute autre tâche afférente à sa mission que pourrait lui confier le Procureur Général ou le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite. |

Mu gihe bakora umurimo w'ubugenzuzi, abagenzuzi b'Ubushinjacyaha Bukuru ntibemerewe gukora imirimo y'ikurikiracyaha.

In their inspection duties, Inspectors shall not be allowed to carry out the prosecution.

Dans l'exercice de leurs fonctions d'inspection, les Inspecteurs ne peuvent pas mener des poursuites.

Akicro ka 2: Ubunyamabanga Bukuru bw'Ubushinjacyaha Bukuru

Ingingo ya 24: Ubuyobozi, inzego zibugize n'uko zishyirwaho

Ubunyamabanga Bukuru bw'Ubushinjacyaha Bukuru buyoborwa n'Umunyamabanga Mukuru ushyirwaho n'Iteka rya Perezida bisabwe n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha bimaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri. Agengwa na Sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimu.

Ubunyamabanga Bukuru bw'Ubushinjacyaha Bukuru bugizwe n'inzego zigenwa n'Inama Nkuru y'Ubushinjacyaha zigashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe zimaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri.

Ingingo ya 25: Inshingano z'Umunyamabanga Mukuru

Umunyamabanga Mukuru w'Ubushinjacyaha Bukuru ashinzwe guhuza imirimu yose ijyanye n'ibirebana n'ubuyobozi na tekiniki by'inzeho z'Ubushinjacyaha Bukuru, gufata ingamba no gushyiraho gahunda ku birebana n'urwego rw'ubuyobozi na tekiniki.

Umunyamabanga Mukuru ashobora guhabwa n'Umushinjacyaha Mukuru ububasha bwo gushyira umukono ku nyandiko n'ibyemezo bimwe na bimwe birebana n'imigendekere myiza y'imirimu mu Bushinjacyaha Bukuru.

Sub section 2: General Secretariat of the National Public Prosecution Authority

Article 24: Management, management organs and thier appointment

The General Secretariat of the National Public Prosecution Authority shall be headed by a Secretary General appointed by a Presidential Order upon proposal by the High Council of the Public Prosecution after approval by the Cabinet. He/she is governed by the General Statute for Rwanda Public Service.

The General Secretariat of the National Public Prosecution Authority shall be composed of organs proposed by the High Council of the Public Prosecution and determined by an Order of the Prime Minister after considaration by the Cabinet.

Article 25: Responsibilities of the Secretary General

The Secretary General of the National Public Prosecution Authority shall be responsible for coordinating all the administrative and technical activities of the organs of the National Public Prosecution Authority and elaborating strategies and programs concerning administrative and technical organs.

The Prosecutor General may delegate to the Secretary General the power to sign some documents and regulations concerning the smooth functioning of the National Public Prosecution Authority.

Sous-section 2: Secrétariat Général de l'Organe National de Poursuite Judiciaire

Article 24: Direction, organes de direction et leur nomination

Le Secrétariat Général de l'Organe National de Poursuite Judiciaire est dirigé par un Secrétaire Général nommé par arrêté présidentiel sur demande du Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite après approbation du Conseil des Ministres. Il est régi par le Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise.

Le Secrétariat Général de l'Organe National de Poursuite judiciaire est composé des organes proposés par le Conseil Supérieur de l'Organe National de Poursuite et déterminés par arrêté du Premier Ministre après approbation du Conseil des Ministres.

Article 25: Attributions du Secrétaire Général

Le Secrétaire Général de l'Organe National de Poursuite Judiciaire est chargé de la coordination de toutes les activités administratifs et techniques des services de l'Organe National de Poursuite Judiciaire et de définir les stratégies et les programmes relatifs à ces services.

Le Procureur Général peut déléguer au Secrétaire Général les pouvoirs de signature de certains documents et certaines décisions relatives au bon fonctionnement de l'Organe National de Poursuite Judiciaire.

Umunyamabanga Mukuru ni we ushinzwe gucunga imari yagenewe Ubushinjacyaha Bukuru mu buryo bwiza, bufite akamaro.

The Secretary General shall be responsible for managing effectively, efficiently and transparently the financial resources of the National Public Prosecution Authority.

Le Secrétaire Général assure la gestion efficace et transparente des ressources financières mises à la disposition de l'Organe National de Poursuite Judiciaire.

UMUTWE WA IV: UBUBASHA BW'INZEGO Z'IKURIKIRANABYAHA

CHAPTER IV: COMPETENCE OF PUBLIC PROSECUTION ORGANS

CHAPITRE IV: COMPETENCE DES ORGANES DE POURSUITE

Ingingo ya 26: Ububasha

Article 26: Competence

Article 26: Compétence

Ubushinjacyaha bufite ububasha bwo:

The Public Prosecution shall have the competence to:

L'Organe National de Poursuite est compétent pour:

- 1° gukora iperereza ku byaha bukurikirana no kuyobora iperereza rikorwa n'abagenzacyaha;
- 2° gushinja no kuburana imanza z'inshinjabyaha mu Nkiko zose zisanzwe z'Igihugu no mu Nkiko za Gisirikare;
- 3° kugira uruhare mu gushyiraho ingamba zigomba gukurikizwa mu gukurikirana ibyaha;
- 4° gufatanya n'ibindi bihugu mu bikorwa byo kurwanya ubugizi bwa nabi;
- 5° gukora indi mirimo bwagenewe n'itegeko.

- 1° investigate offences in relation to which it is conducting proceedings and lead investigations carried out by Judicial Police Officers;
- 2° prosecute criminal offences before all ordinary Courts and military Courts;
- 3° contribute to the formulation of criminal Prosecution policies;
- 4° cooperate with other countries in the fight against criminality;
- 5° perform any other duties provided for by the law.

- 1° enquêter sur les faits constitutifs d'infraction et diriger les enquêtes faites par les Officiers de Police Judiciaire;
- 2° poursuivre les prévenus devant toutes les juridictions ordinaires et militaires du pays;
- 3° contribuer à l'élaboration de la politique de poursuite des infractions ;
- 4° participer à la coopération judiciaire avec d'autres pays dans la lutte contre la criminalité;
- 5° exécuter toutes autres tâches prévues par la loi.

Ingingo ya 27: Ikurikiranacyaha mu Nkiko

Article 27: Prosecution in Courts

Article 27: Poursuite devant les Cours et Tribunaux

Mu Rukiko rw'Ikirenga no mu Rukiko Rukuru, ikurikiranacyaha rikorwa n'Umushinjacyaha Mukuru, Umushinjacyaha Mukuru Wungirije

In the Supreme Court and the High Court, prosecution shall be carried out by the Prosecutor General, Deputy Prosecutor General and National

Devant la Cour Suprême et la Haute Cour, la poursuite est exercée par le Procureur Général, le Procureur Général Adjoint et les Procureurs

Official Gazette n° 46 of 14/11/2011

n'Abashinjacyaha bo ku rwego rw'Igihugu.	Prosecutors.	Nationaux.
Mu manza zo mu Rukiko rw'Ikirenga ubushinjacyaha bukurikiranyemo abasirikare, ikurikiranacyaha rikorwa n'Umushinjacyaha Mukuru wa Gisirikare, yunganiwe n'abandi bashinjacyaha ba Gisirikare.	Before the Supreme Court, cases where the Public Prosecution is against soldiers, prosecution shall be carried out by the Military Prosecutor General assisted by other Military Prosecutors.	En cas de poursuite dirigée contre des militaires devant la Cour Suprême, la poursuite des infractions est assurée par l'Auditeur Général Militaire assisté par d'autres auditeurs militaires.
